**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO Y'UMUCO**

# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'IKINAMICO MBYINO KU MAGANURA 2022

Mu gihe u Rwanda rwitegura kwizihiza ku nshuro ya 11 Umuganura 2022 uzaba ku wa Gatanu, tariki ya 05 Kanama 2022, Inteko y'Umuco yateguye amarushanwa y'Ikinamico mbyino ku muhango w'Umuganura. Iyo ***kinamico mbyino*** (*drama dance- theatre ballet*) izashingirwaho igitaramo giteganyijwe uwo Munsi, kizaba giteguwe mu rwego rwo kwimakaza indangagaciro dusanga mu muhango w'Umuganura muri rusange no guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku muco, by'umwihariko. Amashusho y'iyi kinamico mbyino azafatwa mbere y'umunsi nyirizina kugira ngo azerekanwe muri iki gitaramo, kandi anakoreshwe mu bukangurambaga bunyuranye ku ndangagaciro zikubiye mu Muganura.

## 1. ABAZAKORA AMARUSHANWA

Abanyarwanda bo mu byiciro byose bafite ubuhanga mu kwandika ikinamico muri rusange, by'umwihariko *ikinamico mbyino* (yiganjemo ahanini imyiyereko y'ingeri zinyuranye z'imbyino) bashobora kwitabira aya marushanwa. Bagomba kuba bafite kandi bagaragaza uburambe mu byo kwandika ikinamico mbyino.

## 2. INGINGO ZIZIBANDWAHO MU GUHANGA IKINAMICO KU MUGANURA

Iby'ingenzi ikinamico mbyino izahangwa bizubahirizwa n'urushanwa bikubiye mu ngingo zikurikira:



Digitally signed by RCHA(Director General )
Date: 2022.06.23 10:27:07 +02'00'

(i) Kwibutsa Umuganura mu mateka y'u Rwanda;

(ii) Kugaragaza agaciro k'Umuganura n'uko uwo muhango wubahirizwaga mu Rwanda rwo hambere, hakurikijwe amahame y'ubwiru yiswe *"Inzira y'Umuganura"*;

(iii) Kwerekana uko Umuganura ukwiye kwizihizwa mu gihe tugezemo, ariko udatakaje umwimerere wawo n'indangagaciro remezo ubumbatiye;

(iv) Kugaragaza muri rusange uburyo Umuganura ari isôoko y'Ubumwe n'ishingiro ryo Kwigira kw'Abanyarwanda.

## 3. UKO AMARUSHANWA AZAKORWA

Abazarushanwa bazohereza inyandiko z'ibihangano byabo bwite ku Nteko y'Umuco kuri murandasi bifashishije imeri zikurikira: **info@rwandaheritage.gov.rw; ymurego@rwandaheritage.gov.rw.** Ubutumwa bohereje bugomba kuba bufite umutwe ukurikira: "AMARUSHANWA Y'IKINAMICO MBYINO".

◆ ***INYANDIKO Y'IKINAMICO MBYINO KU MUGANURA IGOMBA KUBA***:

a) Ari umwimerere wa nyirayo;
b) Yanditse mu Kinyarwanda kinoze gishingiye ku ikeshamvugo ryakoreshwaga mu muhango w'Umuganura;
c) Ihimbye mu buryo bucukumbuye, bubereye igihangano nserukarubuga kandi bugaragaza neza ingingo zatanzwe;
d) Ihimbye mu buryo bw'ikinamico mbyino aho igaragazamo imivugano y'abakinamico bafite aho bahuriye n'umuhango w'Umuganura kandi yunganirwa n'imbyino za Kinyarwanda zifitanye isano n'ibikinwa, ndetse n'izindi ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo zakwifashishwa aho biri ngombwa (nk'ibyivugo, amazina y'inka, ubusizi,…).
e) Yagejejwe ku Nteko y'Umuco bitarenze tariki ya ***01 Nyakanga 2022***.



Digitally signed by RCHA(Director General ) Date: 2022.06.23 10:27:36 +02'00'

◆ ***INGANO Y'IKINAMICO MBYINO N'UBURYO IZAKINWA***:

a) Ikinamico mbyino izarushanwa ntigomba kuba ndende cyane. Igomba gukinwa mu gihe kitari munsi y'iminota mirongo itanu ariko kitarengeje isaha imwe, ni ukuvuga iminota mirongo itandatu (60').

b) Urupapuro rwa mbere rw'inyandiko yayo izohererezwa Inteko y'Umuco rugomba kuba ruriho umwirondoro wa nyirayo gusa. Rugaragaza amazina, aho abarizwa (Intara, Akarere, Umurenge n'Akagari), terefone, imeri n'umutwe w'umukino.

c) Uwahimbye ikinamico mbyino azohereza kandi Inteko y'Umuco inyandiko (itarengeje impapuro eshanu) isobanura neza uburyo iyo kinamico mbyino yazakinwa (*scenography design*).

## 4. IBIHEMBO

Hazahembwa ikinamico mbyino imwe izarusha izindi, Inteko y'Umuco ikazagenera nyirayo igihembo kingana n'amafaranga y'u Rwanda **miriyoni imwe n'ibihumbi magana atanu** (**1.500.000 frw**). Ikinamico mbyino izatsinda amarushanwa igahembwa izahita iba umutungo w'Inteko y'Umuco kandi nyirayo azasabwa kuyinoza aho bizaba bikenewe.

Bikorewe i Huye, ku wa 16 Kamena 2022

Digitally signed by RCHA(Director General )
Date: 2022.06.23 10:28:10 +02'00'

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko**